# « Umwishingizi w'Umwana w'Umunyamahanga Utarageza ku Myaka y'Ubukure Utari Kumwe n'Ababyeyi be»



Twagufashe ko uriUmwana w'Umunya-mahanga Utarageza ku Myaka y'Ubukure Utari Kumwe n'Ababyeyi be

## « Umwana w'Umunyamahanga Utarageza ku Myaka y'Ubukure Utari Kumwe n'Ababyeyi be» bisobanura iki ?

Bisobanura ko

- Ufite imyaka iri munsi ya 18
- Udafite ubwenegihugu bw'ububiligi /
- Ababyeyi bawe ntimuri kumwe mu Bubiligi
- Ntufite uburenganzira bwemewe bwo kuba mu Bubiligi

Mu bubiligi, abana b'abanyamahanga batarageza ku myaka y'ubukure batari kumwe n'ababyeyi babo bafite uburenganzira bwo kugira umwishingizi.

FEDERAL PUBLIC SERVICE
JUSTICE



## Ariko se...umwishingizi akora iki?

Umwishingizi, ni umuntu dushyiraho kugira ngo akube hafi kandi agufashe mu buzima bwawe mu Bubiligi

Ni we uguhagarariye imbere y'amategeko : ni ukuvuga ko agufasha mu byo ukenera gukora byose kugira ngo ube mu Bubiligi. :Urugero, mu gihe wanditse usaba ubuhungiro cyangwa usaba gutura mu Bubiligi, aba ahari kugira ngo akube hafi kandi agufashe mu gihe cyose icyo gikorwa kizamara.

Ariko umwishingizi hari n'ibindi akora. Dore ingero zimwe na zimwe :

- **Aza kenshi kukureba** ;
- Agusobanurira **ibyemezo byafashwe n'abayobozi bikureba** ;



- Agushakira **umwunganizi mu mategeko ku buntu** ;
- Agenzura ko umerewe neza mu icumbi ryawe kandi akagufasha, iyo bikenewe, akagufasha **ku-bona icumbi rigukwiye ;**
- :Akwandikisha mu ishuri kandi akagenzura ko byose bigenda neza ku **ishuri** ;
- :Niba ufite ibibazo by'uburwayi, **agenzura ko uhabwa ubuvuzi witaweho uko bikenewe** ;
- Agufasha gucunga neza amafaranga yawe ;
- Iyo utameze neza, agutega amatwi akumva ibi-bazo ufite ;
- Yubaha **ibitekerezo byawe n'imyemerere yawe** ;
- : Muvugana ejo hazaza hawe ;
- Mu gihe ubishaka, agufasha gushakisha ababyeyi bawe ;

Mu gihe wumva ufite ibibazo ku mirimo **y'umwishin-gizi wawe**, ushobora kubimuganiriza.

## Ugira umwishingizi kugeza ryari ?

Umwishingizi akuba hafi kugeza wujuje **imyaka 18**. Iyo ugize imyaka 18 urigenga.

**Bisobanura iki ?**

**Bisobanura ko ugomba kwimenya wowe wenyine ubwawe.** Umwishingizi ntazongera gufata ibyemezo mu kigwi cyawe.

Ariko ntuhangayike, **umwishingizi azagufasha kwitegura kugera ku myaka 18 yawe**

Ariko, birashoboka ko akazi k'umwishingizi gahagarara mbere y'uko wuzuza imyaka 18. Muri icyo gihe, tuzakohereza ibaruwa tukumenyesha ko utagifite umwishingizi. Umwishingizi arabikuganiriza.

## Bigenda gute iyo ufitanye ikibazo n'umwishingizi wawe ?

Umwishingizi agomba kugutega amatwi kandi wamukenera ukamubona. Gerageza kuvugana na we ikitagenda.

**Ibyo ntacyo bitanze ?**

- Tuvugishe, dushobora kugerageza kubonera igisubizo icyo kibazo.
- Ushobora kandi kujya imbere y'umucamanza ushinzwe guca imanza zimakaza amahoro. Icyo abereyeho ni ugukemura ibibazo byavuka hagati yawe n'umwishingizi wawe nawe. Ushobora kutubaza amakuru arambuye cyangwa ukabaza umukozi ushinzwe imibereho myiza wo mu kigo cyakwakiriye.



## Watubona ute ?

Ushobora iteka kuri iyi nomero ya terefoni amasaha 24 kuri 24 iminsi 7 kuri 7 :

078/15.43.24

Ushobora kandi kutwohererereza imeli kuri :

tutelles@just.fgov.be

Niba ukeneye ubufasha kugira ngo ubashe kutubona, ushobora kubaza umukozi ushinzwe imibereho myiza ugushinzwe wo mu kigo cyakwakiriye cyangwa se ukabaza umwunganizi wawe mu mategeko.

RESPONSIBLE EDITOR: JEAN - PAUL JANSSENS BD DE WATERLOO 115 -1000 BRUSSELS D/2021/7951/EN/1237